



Repubalika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali



IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI YATERANYE KU WA 29 KAMENA 2023

1. IRIBURIRO

Ku wa Kane tariki ya 29 Kamena 2023, inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Umujyi wa Kigali, yatumiwemo abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge y'Umujyi wa Kigali, iyoborwa n'Umuyobozi wayo, Umujyanama Dr. KAYIHURA Muganga Didas.

1.1 ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA:

Umujyanama Dr. KAYIHURA Muganga Didas
Umujyanama BIZIMANA Hamiss
Umujyanama Dr. MPABWANAMAGURU Merard
Umujyanama MUHUTU Gilbert
Umujyanama RUBINGISA Pudence
Umujyanama RUTERA Rose
Umujyanama URUJENI Martine

1.2 ABAJYANAMA BATITABIRIYE INAMA BAFITE IMPAMVU:

Umujyanama BAGUMA Rose
Umujyanama KAJENERI Mugenzi Christian
Umujyanama NISHIMWE Marie Grace
Umujyanama UMUTESI Geraldine



2. INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Umushinga w'igenamigambi ry'Umujyi wa Kigali ry'umwaka wa 2023/2024 ugizwe na gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari;
2. Urutonde rw'imishinga y'ibikorwa remezo (KIP) ruvuguruye ifite uburebure bwa 215.6 km;
3. Raporo y'ibyemezo by'inama ya Biro na Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali yateranye ku itariki 14 Kamena 2023;
4. Imishinga y'igenagaciro ry'imitungo y'abaturage ahazubakwa:
 - Umuhanda wa Sonatube-Nyakabanda-Alpha Palace;
 - Umuhanda wa Sonatube-Sahara-Kabeza;
 - Umuhanda wa Ruliba-Karama-Nyamirambo;
 - Ahazubakwa ibikorwa remezo by'inyungu rusange mu Murenge wa Kinyinya
 - Kwagura ikigo cya Gisirikare cya Mataba mu Murenge wa Mageragere;
 - Kwagura irimbi rya Rusororo;
 - Kwagura ibitaro bya Masaka
5. Ibishushanyo rusange by'imitunganyirize y'ahantu mu Mujyi wa Kigali (physical plans);
 - Kwemeza igishushanyo rusange cy'imitunganyirize ya site ya Masoro phase I mu Murenge wa Ndera;
 - Gutangiza igishushanyo rusange cy'imitunganyirize ya site Nunga mu Murenge wa Gahanga;
 - Gutangiza igishushanyo rusange cy'imitunganyirize ya site Gitaraga mu Murenge wa Masaka;
 - Gutangiza igishushanyo rusange cy'imitunganyirize ya Kinyinya Green City;
6. ibibazo by'abaturage Biro y'Inama Njyanama yagejeje kuri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali.

3. GUSUZUMA INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

Mbere yo gutangira inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yashimiye abitabiriye inama muri rugange, ashimira abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge y'Umujyi wa Kigali by'umwihariko kuba bitabiriye inama idasanze y'Inama Njyanama y'Umujyi wa



(Handwritten signature)

(Handwritten signature)

Kigali. Nyuma y'ijambo ryo gushimira yagejeje ku biyitabiriye gahunda y'inama nyuma yaryo hatangira gusuzumwa no gufata ibyemezo ku ngingo z'inama mu buryo bukurikira:

INGINGO YA MBERE: UMUSHINGA W'IGENAMIGAMBI RY'UMUJYI WA KIGALI RY'UMWAKA WA 2023/2024 UGIZWE NA GAHUNDA Y'IBIKORWA N'INGENGO Y'IMARI

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejewe mu incamake ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2022-2023 (ingano, iyinjije n'uko yakoreshejwe). Ku ngengo y'imari ingana na 267,113,351,268Frw hinjiye angana na 229,496,153,855Frw ahwanye na 86%., hakoreshwa angana na 215,959,754,825 ifite ijanisha ringana na 81%.

Yamurikiwe kandi mu buryo burambuye, uko ingengo y'imari izinjira mu mwaka wa 2023/2024 ugereranije n'ayinjije mu mwaka wa 2022/2023 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

SOURCES	2022-2023 Revised Budget	2023-2024 Budget	(+)/(-)
TOTAL SOURCES OF REVENUES	267,113,351,268	265,999,995,718	-0.42%
TOTAL CoK	257,331,326,224	244,971,735,370	-5%
01 Earmarked Transfers (Districts)	60,519,713,080	67,523,850,078	11.6%
02 Own Revenues and pre-financing	165,667,279,413	138,388,698,721	-16%
2.1. Taxes revenues and others revenues	41,753,368,437	41,092,698,721	-1.6%
2.2. Land assets	17,679,683,545	9,609,600,000	-45.6%
2.3. loans	106,091,164,771	87,686,400,000	-17.3%
03 Transfers From Other GOR Agencies	21,663,143,931	31,938,574,000	47%
04. Extra budgetary/Opening balance	9,481,189,800	7,120,612,571	-25%
05. RUDP	9,782,025,044	21,028,260,348	115%
Externally Financed - Loan	4,829,368,924	0	
Externally Financed - Grants	4,952,656,120	19,357,999,643	291%
04. Extra budgetary/Opening balance	0	1,670,260,705	
TOTAL CoK+ RUDP	267,113,351,268	265,999,995,718	-0.42%



(Handwritten signature)

(Handwritten signature)

Yasobanuriwe na none umushinga w'ibikorwa uzakoreshwa muri iyi ngengo y'imari kuri buri program hatarimo ingengo y'imari y'umushinga ugamiye kunoza imiturire no kuvugurura utujagari (RDUP II) nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

PROGRAMMES AND SUB-PROGRAMMES FOR LG	TOTAL BUDGET BY PROGRAMMES	% by Programme VS Total Budget
1: ADMINISTRATIVE AND SUPPORT SERVICES	24,507,484,694	10%
2. TRANSPORT	139,501,960,087	57%
3. WATER AND SANITATION	503,205,660	0.21%
4. SOCIAL PROTECTION	7,791,685,561	3.18%
5. GOOD GOVERNANCE AND JUSTICE	2,482,410,774	1.01%
6. EDUCATION	36,039,901,593	14.71%
7. HEALTH	11,105,381,896	4.53%
8. YOUTH, SPORT AND CULTURE	1,739,599,148	0.71%
9. PRIVATE SECTOR DEVELOPMENT	228,768,853	0.09%
10. AGRICULTURE	923,238,560	0.38%
11. ENVIRONMENT AND NATURAL RESOURCES	6,573,482,881	2.68%
12. ENERGY	0	0%
13. HOUSING, URBAN DEVELOPMENT AND LAND MANAGEMENT	13,574,615,663	5.54%
TOTAL BUDGET	244,971,735,370	100.00%

Abajyanama bamaze kugezwaho umushinga w'ingengo y'imari n'uw'ibikorwa by'Umujyi wa Kigali by'umwaka wa 2023-2024 no kwakira ibitekerezo by'abitabiriye inama bawunguranyeho ibitekerezo bafata umwanzuro ukurikira:

Umwanzuro 520//29.06.2022: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje gahunda y'ibikorwa by'Umujyi wa Kigali y'umwaka wa 2023-2024 itanga inama zikurikira:

- Kugira uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibishushanyo byihariye by'imitunganyirize y'ahantu mu Mujyi wa Kigali (Physical plans);
- Inama idasanzwe yo gusuzuma raporo y'isesengura ry'ishyirwa mu bikorwa ry'ibishushanyo byihariye by'imitunganyirize y'ahantu mu Mujyi wa Kigali (Physical plans) byemejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali kuva mu mwaka wa 2019 mu

rwego rwo gukumira ibibazo bibigararamo bishobora guteza ibihombo Umujyi wa Kigali no guteza imbere umujyi uzira imyubakire y'utujagari;

- c. Gushyiraho imirongo ngenderwaho (guidelignes) n'ingamba byo gukusanya imisoro n'amahoro mu mu Mirenge y'Umujyi wa Kigali bizafasha Inama Njyanama z'Imirenge gutanga umusanzu wayo/zibigiramo uruhare;
- d. Kongera imbaraga mu gushyiraho ibibuga by'imikino by'abana.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 521//29.06.2022: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yasabye Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali gushyiraho imirongo ngenderwaho (guidelignes) y'ubukangurambaga bw'abaturage bwo kubaka ibikorwa remezo ku gaciro ko kubaka kaburimbo mu rwego rwo kubona ingengo y'imari y'uruhare rw'abaturage rungana na 30% ahagiye gukorwa hose ibishushanyo rusange by'imitunganyirize y'ahantu (physical plans) mu Mujyi wa Kigali.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 522/29.06.2022: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali y'umwaka wa 2023-2024 ingana na miliyari magana abiri na mirongo itandatu n'eshanu, miliyoni magana cyenda na mirongo icyenda n'icyenda, ibihumbi magana cyenda na mirongo icyenda na bitanu na magana arindwi na cumi n'umunani (265,999,995,718Frw).

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

INGINGO YA KABIRI: URUTONDE RW'IMISHINGA Y'IBIKORWA REMEZO (KIP) RUVUGURUYE IFITE UBUREBURE BWA 215.6 KM

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho ibisobanuro by'urutonde ruvugurura urw'imishinga y'ibikorwa remezo (KIP) rwemejwe mu mwanzuro w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ufite No 258/29.10.2021. Imishinga y'ibikorwa remezo izava ku burebure bwa 215.6km bube 221.5km.



Yasobanuriwe kandi impamvu yo kuwuvugurura ijyanye no kurushaho kunoza ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa remezo by'Umujyi wa Kigali hashingiwe ku mihanda y'ingenzi yihutirwa (priorities) no gukemura byihuse ibibazo bitandukanye birimo:

- a. Kugabanya ubwinshi bw'imodoka mu muhanda n'umuvundo w'ibinyabiziga mu duce imihanda iherereyemo;
- b. Ibikorwa remezo bihari bidahagije, bito kandi bifunganye (imihanda);
- c. Kugabanya ingano y'amafaranga agenda ku mihanda ishaje;
- d. kwihutisha iterambere ry'ubukungu, ...

Inama Njyanama imaze kugezwaho ibikubiye mu mushinga uvuguruye wa KIP yawunguranyeho ibitekerezo ifata umwanzuro ukurikira:

Umwanzuro 523/29.10.2021: *Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ivuguruye urutonde rw'imihanda igize umushinga w'ibikorwa remezo mu Mujyi wa Kigali ifite uburebure bungana na 215.6km (KIP) rwemejwe mu mwanzuro w'Inama Njyanama ufite nimeru 258/29.10.2021 ruba urw'imihanda ifite uburebure bungana na 218.9km nk'uko rugaragara mu mbonerahamwe iri ku mugereka w'iyi nyandiko; itanga n'inama zikurikira:*

- a. Gukora inyigo ku gihe y'imihanda yose izakorwa;
- b. Gushyiraho ingamba zigamije kugenzura no gukumira ibizahendesha umushinga igihe cyo kuwushyira mu bikorwa;
- c. Ku mihanda izakurwamo muri KIP, hemejwe ko hakuwemo uwo RTDA yemeye kuzakora wa Gitikinyoni Nyabarongo.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

INGINGO YA GATATU: RAPORO Y'IBYEMEZO BY'INAMA YA BIRO NA KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI YATERANYE KU ITARIKI 14 KAMENA 2023

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho raporo y'isesengura ry'icyemezo cy'inama ya Biro na Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali yateranye ku wa 14 Kamena 2023 nk'uko igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:



(Handwritten signature)

(Handwritten mark)

Umwanzuro 524/29.10.2021: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye kandi yemeza raporo ya Biro na Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali yemeje ikiruhuko cy'umwaka wa 2022/2023 cy'Umuyobozi wungirije w'Umujyi wa Kigali ushinzwe ubukungu n'imibereho myiza nk'uko kigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

S/N	ICYICIRO	IGIHE CY'IKIRUHUKO	
	Icyiciro cya mbere	Gutangira	14/07/2023
		Kurangira	02/08/2023
	Icyiciro cya kabiri	Gutangira	03/12/2023
		Kurangira	12/12/2023

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

INGINGO YA KANE: IMISHINGA Y'IGENAGACIRO RY'IMITUNGO Y'ABATURAGE

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho imishinga y'igenagaciro ry'imitungo y'abaturage izagirwaho ingaruka n'iyubakwa ry'ibikorwa remezo nk'uko igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

S/N	UMUSHINGA	IGISABWA N'INGENGO Y'IMARI
1.	Igenagaciro mvuguruza ry'imitungo y'abaturage y'ahubakwa umuhanda Mulindi-Gasogi-Rusororo-Kabuga	Kwemeza igenagaciro mvuguruza ry'amafaranga 11,113,022frw ry'abaturage 2: - KAREKEZI Augustin - MUHOZA Consolee
2.	Igenagaciro: - Mvuguruza ry'umutungo 1; - Uw'inyongera w'abaturage 2; - Irivuguruye ry'abantu 2	Kwemeza igenagaciro: - Mvuguruza ry'umutungo wa GATAMA Vincent (13,228,025rw) , - Irivuguruye rya MUPENZI Edouard rivuye kuri 35,151,341frw rikaba 9,313,197frw



(Handwritten signature)

(Handwritten mark)

S/N	UMUSHINGA	IGISABWA N'INGENGO Y'IMARI
	ku Muhanda Sonatube-Nyakabanda -Alpha Palace	- <i>N'irya</i> Succession BITEGE Chuma rivuye kuri 26,067,520frw rikaba 16,704,102Frw - Iry'inyongera: ry'abaturage rya: BANAMWANA Christopher (6,436,589frw) na MUTANGANA Gasore (2,066,869frw)
3.	Igenagaciro ry'inyongera ry'abaturage 3 ahubakwa umuhanda Sonatube-Sahara-Kabeza	Kwemeza igenagaciro rya -NZABANDORA Assiel (12,651,702frw) -RUTAYISIRE Issa (3,744,627frw) -DUSABE Jean Chrisostome (13,251,756)
4.	Igenagaciro mvuguruza ry'umutungo w'umuturage umwe ahubatswe umuhanda Ruliba-Karama-Nyamirambo	Kwemeza igenagaciro mvuguruza ry'umutungo wa HATEGAKIMANA Aboubakard ryemejwe mu mwanzuro No 369/29.07.2022 rikava ku 9,785,166Frw rikaba 10,274,424Frw
5.	Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 6 basigaye hagati mu irimbi rya Rusororo	Kwemeza igenagaciro ringana na 426,693.998frw ry'abaturage 6 bazengurutswe n'irimbi rya Rusororo
6.	Umushinga w'igenagaciro ry'imitungo y'abaturage ry'ahazubakwa umuhanda mu Murenge wa Kinyinya	Kwemeza igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 19 ringana na 3,892,189,611frw mu rwego kwegereza abaturage ibikorwaremezo
7.	Igenagaciro ry'umutungo w'umuturage 1 ahaguriwe ibitaro bya Masaka	Kwemeza igenagaciro ry'umutungo wa NSENGUMUKIZA Silas ringana na 11,205,914frw ry'ahazagurirwa ibitaro bya Masaka
8.	Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 67 y'ahazagurirwa ikigo cya Gisirikare cya Mataba mu Murenge wa Mageragere	Kwemeza igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 67 ringana na 8,733,063,310frw mu rwego rwo kunoza imikorere n'imikoreshereze y'ikigo cya Gisirikare cya Mataba mu Murenge wa Mageragere



(Handwritten signature)

(Handwritten signature)

Umwanzuro 525/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro mvuguruza ringana na miliyoni cumi n'imwe, ibihumbi ijana na cumi na bitatu na makumyabiri n'abiri (11,113,022Frw) rivuye kuri miliyoni icumi, ibihumbi ijana na mirongo itatu na bine na magana cyenda na mirongo inani n'atanu (10,134,985 Frw) ry'imitungo ya KAREKEZI Augustin na MUHOZA Consolee iherereye mu Karere ka Gasabo ahazubakwa umuhanda Mulindi-Gasogi-Rusororo-Kabuga

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 526/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro mvuguruza ringana miliyoni cumi n'eshatu, ibihumbi magana abiri na makumyabiri n'umunani na makumyabiri n'atanu (13,228,025Frw) rivuye kuri miliyoni cumi n'imwe, ibihumbi magana inani mirongo irindwi na bitatu n'ijana na mirongo icyenda n'icyenda (11,873,199frw) y'umutungo wa GATAMA Vincent uherereye mu Karere ka Gasabo ahazubakwa umuhanda Sonatube-Nyakabanda -Alpha Palace.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 527/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro rivuguruye ringana na miliyoni icyenda, ibihumbi magana atatu na cumi na bitatu n'ijana na mirongo icyenda n'arindwi (9,313,197Frw) rivuye kuri miliyoni mirongo itatu n'eshanu, ibihumbi ijana na mirongo itanu na kimwe na magana atatu mirongo ine na rimwe (35,151,341Frw) ry'umutungo wa MUPENZI Edouard uherereye mu Karere ka Gasabo ahazubakwa umuhanda Sonatube-Nyakabanda -Alpha Palace.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 528/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro rivuguruye rivuye kuri miliyoni makumyabiri n'esheshatu, ibihumbi mirongo itandatu na birindwi na magana anatu na makumyabiri (26,067,520Frw) rikaba miliyoni cumi n'eshesahum ibihumbi magana arindwi na bine n'ijana n'abiri (16,704,102Frw) ry'umutungo w'umuzungura wa BITEGE Chuma uherereye mu Karere ka Gasabo ahazubakwa umuhanda Sonatube-Nyakabanda -Alpha Palace.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07



(Handwritten mark)

(Handwritten mark)

Umwanzuro 529/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ry'inyongera ry'umutungo wa BANAMWANA Christopher ringana na miliyoni esheshatu, ibihumbi magana ane na mirongo itatu na bitandatu na magana atanu mirongo inani n'icyenda (6,436,589frw) n'irya MUTANGANA Gasore ringana na miliyoni ebyiri n'ibihumbi mirongo itandatu na bitandatu na magana inani na mirongo itandatu n'icyenda (2,066,869frw) iherereye mu Karere ka Kicukiro ahazubakwa umuhanda Sonatube-Nyakabanda -Alpha Palace .

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 530/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ry'inyongera ry'imitungo y'abaturage rigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

s/n	Nyirimutungo	Igenagaciro ryemejwe mbere	Igenagaciro ry'inyongera	Igenagaciro hamwe ryose	Umuhanda
1	NZABANDORA ASSIEL	16,217,123	12,651,702	28,868,825	Sonatube - Sahara -Kabeza
2	RUTAYISIRE ISSA	3,324,482	3,744,626	7,069,108	
3	DUSABE Jean0 Chrisostome	0	13,251,756	13,251,756	
4	BANAMWANA Christopher	35,908,576	6,436,589	42,345,165	Sonatube-nyakabanda - Alpha Palace
5.	MUTANGANA Gasore	4,272,432	2,066,869	6,339,301	

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 531/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro mvuguruza ringana na miliyoni icumi, ibihumbi magana abiri mirongo irindwi na bine na magana ane na makumyabiri n'ane (10,274,424Frw) rivuye kuri miliyoni icyenda, ibihumbi magana arindwi mirongo inani na bitanu n'ijana na mirongo itandatu n'atandatu (9,785,166Frw), iry'umutungo wa HATEGAKIMANA Aboubakard iherereye mu Karere ka Nyarugenge ahazubakwa umuhanda Ruliba-Karama-Nyamirambo.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07



(Handwritten signature)

(Handwritten signature)

Umwanzuro 532/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ringana na miliyoni magana ane na makumyabiri n'esheshatu, ibihumbi magana atandatu mirongo icyenda na bitatu na magana acyenda mirongo icyenda n'umunani (426,693.998frw) ry'imitungo 6 y'abaturage izengurutse n'irimbi rya Rusororo .

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 533/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ringana na miliyari eshatu, miliyoni magana inani na mirongo icyenda n'ebiri, ibihumbi ijana na mirongo inani n'icyenda na magana atandatu na cumi na rime (3,892,189,611Frw) ry'imitungo 19 iherereye mu Murenge wa Kinyinya izagirwaho ingaruka n'iyubakwa ry'umuhanda wo mu Murenge wa Kinyinya

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 534/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ringana na miliyoni cumi n'imwe, ibihumbi magana abiri na bitanu na magana cyenda na cumi n'ane (11,205,914Frw) ry'umutungo wa NSENGUMUKIZA Silas uherereye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Masaka wagizweho ingaruka n'iyagurwa ry'ibitaro bya Masaka

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 535/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ringana na miliyari umunani, miliyoni magana arindwi na mirongo itatu n'eshatu, ibihumbi mirongo itandatu na bitatu na magana atatu na cumi (8,733,063,310Frw) ry'imitungo 67 iherereye mu Karere ka Nyarugenge ahazagurirwa ikigo cya Gisirikare cya Mataba mu Murenge wa Mageragere.



INGINGO YA GATANU: IBISHUSHANYO RUSANGE BY'IMITUNGANYIRIZE Y'AHANTU MU MUJYI WA KIGALI (PHYSICAL PLANS)

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho imishinga yo gutangiza no kwemeza ibishushanyo rusange by'imitunganyirize y'ahantu iherereye mu Murenge wa Ndera, mu wa Gahanga n'uwa Masaka nk'uko igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

S/N	IGISHUSHANYO	IGISABWA N'IBIRANGA IGISHUSHANYO
1.	Igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'ahantu (Physical plan) Masoro phase I;	Kwemeza gutangira gushyira mu bikorwa igishushanyo cy'imitunganyirize ya site ya Masoro Phase I ifite ubuso bungana na 20.5ha , n'ibibanza ibibanza 228 n'imihanda ifite uburebure bwa km 3,795 gihereye mu Kagari ka Masoro, Umurenge wa Ndera, Akarere ka Gasabo, cyateguwe hakoreshejwe uruhare rw'abaturage ku bufatanye n' Umujyi wa Kigali.
2.	Igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'ahantu (Physical plan) ya Nunga mu Murenge wa Gahanga;	Kwemeza ko hatangira gukorwa inyigo y'igishushanyo cy'imitunganyirize ya site ya Nunga Phase II ifite ubuso bungana na 44ha gihereye mu Kagari ka Nunga, Umurenge wa Gahanga, Akarere ka Kicukiro;
3.	Igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'ahantu (Physical plan) ya Gitaraga iherereye mu Murenge wa Masaka;	Kwemeza ko hatangira gukorwa inyigo y'igishushanyo cy'imitunganyirize ya site ya Gitaraga gifite ubuso bungana na 219.5ha gihereye mu Kagari ka Gitaraga, Umurenge wa Masaka, Akarere ka Kicukiro;
4.	Igishushanyo rusange cy'imitunganyirize ya Kinyinya Green City	Gutangiza igishushanyo rusange cy'imitunganyirize ya Kinyinya Green City gifite ubuso bungana na 600ha

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali imaze kubyunguraho ibitekerezo yafashe imyanzuro ikurikira:



Umwanzuro 536/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igishushanyo cy'imitunganyirize ya site ya Masoro Phase I gifite ubuso bungana na 20.5ha, gihereye mu Kagari ka Masoro, Umurenge wa Ndera, Akarere ka Gasabo cyateguwe ku bufatanye bw'abaturage n' Umujyi wa Kigali.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 537/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje gutangiza igishushanyo cy'imitunganyirize ya site ya Nunga Phase II gifite ubuso bungana na 44ha gihereye mu Kagari ka Nunga, Umurenge wa Gahanga, Akarere ka Kicukiro.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 538/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje gutangiza igishushanyo cy'imitunganyirize ya site ya Gitaraga gifite ubuso bungana na 219.5ha gihereye mu Kagari ka Gitaraga, Umurenge wa Masaka, Akarere ka Kicukiro

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Umwanzuro 539/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje gutangiza igishushanyo cy'imitunganyirize ya site ya Kinyinya cyo gukora "green city" gifite ubuso bungana na 600ha ihereye mu Kagari ka Murama na Gasharu mu Murenge wa Kinyinya.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

INGINGO YA KARINDWI: IBIBAZO BY'ABATURAGE BIRO Y'INAMA NJYANAMA YAGEJEJE KURI KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI

AMAZINA	IGISABWA N'ICYAGARAGAYE MU ISESENGURA
a. GAJU Jeanne	Bahawe igenagaciro ry'imitungo yabo izimurwa ahazubakwa umuhanda
b. NSENGIYUMVA Camille	Zindiro-Bibare-Cyamitsingi bandikira Inama Njyanama y' Umujyi wa Kigali bagaragaza ko batanyuzwe n'ibi bikurikira: <ul style="list-style-type: none">❖ Iyubakwa ry'umuhanda uzabasiga mu manegeka;❖ Ntibanyuzwe n'igenagaciro ryabariwe imitungo yabo



AMAZINA	IGISABWA N'ICYAGARAGAYE MU ISESENGURA
	<p>Mu gukurikirana ikibazo, hagaragajwe ko basuwe bagasobanurirwa uko igenagaciro ry'imitungo yabo ryabazwe banagaragarizwa uburyo iyubakwa ry'umuhanda uzubakwa ritazabasiga mu manegeka nk'uko babikeka.</p> <p>Nyuma y'ibyo biganiri abaturage bemeye ibi bikurikira :</p> <ul style="list-style-type: none"> ❖ Abaturage bemeye igenagaciro ryakozwe mbere banatanga ibyangombwa bisabwa ngo bishyurwe ; ❖ Impungenge

Umwanzuro 540/29.06.2023: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje ko ibibazo GAJU Jeanne na NSENGIYUMVA Camille bagejeje ku Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali nta shingiro gifite cy'impungenge zo kuzasigwa mu manegeka n'ikorwa ry'umuhanda Zindiro-Bibare-Cyamitsingi no kutanyurwa n'igenagaciro ryakorewe imitungo yabo kuko bamaze babisobanuriwe neza bakanyurwa.

Byemejwe n'Abajyanama 07/07

Inama yatangiye imirimo yayo saa tatu za mu gitondo (09h00) iyisoza saa kumi z'umugoroba (16h00).

Umwanditsi w'Inama



BAGUMA Rose

**Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Umujyi wa Kigali**

Umuyobozi w'Inama



**Dr. KAYIHURA Muganga Didas
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Umujyi wa Kigali**

REPUBLIKA Y'U RWANDA



UMUJYI WA KIGALI

Icyemezo cy'Inama Njyanama N° 522/29.06.2022 cyo kuwa 29/06/2023 gishyiraho Ingengo y'Imari y'Umujyi wa Kigali y'Umwaka wa 2023/2024

The COK Council Decision N° 522/29.06.2022 of 29th June 2023 determining the City Finances for Fiscal Year 2023/2024

Décision du Conseil de la Ville de Kigali N° 522/29.06.2022 du 29 Juin 2023

**INGENGO Y'IMARI Y'UMUJYI WA KIGALI
Y'UMWAKA WA 2023/2024**

**CITY OF KIGALI BUDGET
FOR FISCAL YEAR 2023/2024**

**BUDGET DE LA VILLE DE KIGALI
POUR LA PÉRIODE DE L'EXERCICE FISCAL 2023/2024**



(Handwritten mark)

(Handwritten mark)

INSANGANYAMATSIKO:

**KWIHUTISHA IBIKORWA BIGAMIJE KUZAHURA
UBUKUNGU, KWIRINDA NO KUGABANYA INGARUKA
Z'IMIHANDAGURIKIRE Y'IKIRERE NDETSE NO
KUZAMURA INZEGO ZITANGA UMUSARURO
HAGAMIJWE KUZAMURA IMIBEREHO.**

**THEME: ACCELERATING ECONOMIC RECOVERY,
CLIMATE CHANGE MITIGATION/ADAPTATION AND
ENHANCING PRODUCTIVE SECTORS FOR IMPROVED
LIVELIHOOD.**

**THÈME: ACCÉLÉRATION DE LA REPRISE
ÉCONOMIQUE, ATTÉNUATION/ADAPTATION AU
CHANGEMENT CLIMATIQUE ET RENFORCEMENT
DES SECTEURS PRODUCTIFS POUR AMÉLIORER LES
MOYENS DE SUBSISTANCE.**



2 Shyira umukono kuri buri paji/Sign on each page/paraphes ou signes sur chaque page.

(Handwritten signature)

(Handwritten mark)

ICYEMEZO CY'INAMA NJYANAMA
N° 522/29.06.2022 CYO KUWA
29/06/2023 GISHYIRAHU INGENGO
Y'IMARI Y'UMUJYI WA KIGALI
Y'UMWAKA WA 2023/2024

THE CITY COUNCIL DECISION No
522/29.06.2022 OF 29/06/2023
DETERMINING THE CITY OF
KIGALI FINANCES FOR THE
FISCAL YEAR 2023/2024

DECISION DU CONSEIL DE LA VILLE
DE KIGALI N° 522/29.06.2022 DU
29/06/2023 PORTANT FIXATION DES
FINANCES DE LA VILLE DE KIGALI
POUR LA PERIODE DE L'EXERCICE
FISCAL 2023/2024

Abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa
Kigali mu nama yabo yo kuwa 29/06/
2023;

The Council Members of City of Kigali,
in their session of 29/06/2023;

Les membres du Conseil de la ville de
Kigali en leur séance du 29 / 06 / 2023;

Bashingiye ku Itegeko Ngenga N°
002/2022.OL ryo Ku wa 12/12/2022
ryerekeye Imicungire y'imari n'umutungo
Bya leta cyane cyane mu ngingo yaryo ya

Pursuant to the Organic Law N°
002/2022.OL of 12/12/2022 on Public
Finance Management especially in its
article 11,

Vu la Loi Organique n° 002/2022.OL du
12/12/2022 portant gestion des Finances
publiques spécialement en son article 11,



Bashingiye ku Itegeko 75/2018 ryo kuwa
07/09/2018 rishyiraho inkomoko y'imari
n'umutungo by'inzego z'imitegekere
y'igihugu zegerejwe abatwariye cyane cyane
mu ngingo yaryo ya 4, iya 5, iya 57, iya 61,
iya 63; iya 64 n' iya 65;

Pursuant to the Law No 75/2018 of
07/09/2018 determining the sources of
revenue and property of decentralized
administrative entities especially in its
articles 4, 5, 57, 61, 63, 64 and 65;

Vu la Loi No 75/2018 du 07/09/2018
déterminant les sources de revenus et du
patrimoine des entités administratives
décentralisées spécialement en ses articles
4, 5, 57, 61, 63, 64 et 65;

3 Shyira umukono kuri buri paji/Sign on each page/paraphes ou signes sur chaque page.

Bashingiye ku Itegeko N° 22/2019 ryo ku wa 29/07/2019 Rigenga Umujyi wa Kigali cyane cyane ingingo ya 2, 3 n'ya 9;

Pursuant to the Law N° 22/2019 of 29/07/2019 governing the City of Kigali especially in its article 2,3 and 9;

Vu la Loi N° 22/2019 du 29/07/2019 régissant la Ville de Kigali spécialement en son article 2,3 et 9;

Bashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena Amategeko Ngenyamikorere y'Inama Niyana y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Pursuant to Ministerial Order N° 002/07.01 of 02/07/2015 instituting the internal rules and regulations governing the Councils of decentralized administrative entities;

Vu l'Arrêté Ministériel N° 002/07.01 du 02/07/2015 portant règlement d'ordre intérieur des entités administratives décentralisées;

BEMEJE:

ADOPT:

ADOPTENT :



Ingingo ya mbere: Amafaranga ateganyijwe

Article One: Expected revenues

Article premier: Ressources

Hakurikijwe Imbonerahamwe "A" ikurikira, amafaranga ateganyijwe kwinjira mu Ngengo Umujyi wa Kigali mu gihe cy'umwaka wa 2023/2024, ahwanye na Miliyari magana abiri mirongo ine n'enye na miliyoni magana cyenda mirongo irindwi n'imwe, ibihumbi magana arindwi mirongo

In accordance with table "A" below, the expected total resources for the City of Kigali Budget of the City of Kigali for the fiscal year 2023/2024 are valued at Two hundred forty-four billion nine hundred seventy-one million seven hundred thirty-five thousand three hundred seventy (244,971,735,370

Conformément au tableau "A" ci-après, le total des ressources du Budget de la ville de Kigali est évalué pour la période de l'exercice fiscal 2023/2024 à deux cent quarante-quatre milliards neuf cent soixante et onze millions sept cent trente-cinq mille trois cent soixante-dix (244,971,735,370 FRW).

4 Shyira umukono kuri buri pojji/Sign on each page/paraphes ou signes sur chaque page.

Ingingo ya 2: Amafaranga ateganyijwe gusohoka

Hakurikijwe imbonerahamwe "B" ikurikira, amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari y'Umujyi wa Kigali mu mwaka wa 2023/2024 ahwanyeye na Miliyari magana abiri mirongo ine n'enye na miliyoni magana cyenda mirongo irindwi n'imwe, ibihumbi magana arindwi mirongo itatu na bitanu na magana atatu mirongo irindwi (244,971,735,370 FRW).

Hiyongereyeho amafaranga Miliyari makumyabiri n'imwe na miliyoni makumyabiri n'umunani, ibihumbi magana abiri mirongo itandatu na magana atatu mirongo ine n'umunani (21,028,260,348 FRW) y'umushinga wa RUDP II, yose hamwe akaba ari 265,999,995,718 FRW.



Amafaranga yose urwego rwegerajwe abatuye ruteganya gukoresha agabanijemo amafaranga akoreshwa mu Ngengo y'Imari isanzwe igenewe kwishyura Imishahara, kwishyura ibikoresho n'imirimu bihabwa

Article 2: Expenditures

In accordance with table "B" below, the expenditures of the City of Kigali during the year 2023/2024 are valued at Two hundred forty-four billion nine hundred seventy-one million seven hundred thirty-five thousand three hundred seventy (244,971,735,370 RWF).

and Twenty-one Billion Twenty-eight Million Two Hundred Sixty Thousand Three Hundred Forty-eight (21,028,260,348 RWF) for the project RUDP II. Totalling the whole budget of RWF 265,999,995,718.

The total expenditure of a decentralized entity is broken down into current expenditure to pay salaries and other goods and services consumed by the decentralized entity, and capital expenditure to finance the

Article 2 : Dépenses

Conformément au tableau "B" ci-après, les dépenses totales de la ville de Kigali pour la période de l'exercice fiscal 2023/2024 sont évaluées à deux cent quarante-quatre milliards neuf cent soixante et onze millions sept cent trente-cinq mille trois cent soixante-dix (244,971,735,370 FRW).

Et Le budget du projet RUPDII equivalent à vingt et un milliards vingt-huit millions deux cent soixante mille trois cent quarante-huit Franc Rwanda (21,028,260,348 FRW) totalisant 265,999,995,718 Frw

Les dépenses totales d'une entité décentralisée sont réparties en dépenses courantes pour payer les salaires et autres biens et services consommés par l'entité

Amafanga azakoreshwa n'urwego Details of the Decentralized Entity Les détails des dépenses d'une entité décentralisée rwegerejwe abatwage asaranganyijwe expenditures by budget lines, National sont présentés par lignes budgétaires, Stratégie hakurikijwe imirongo y'ingengo y'imari, Strategy for Transformation (NSTI), by Nationale de Transformation (NSTI), par secteur Gahunda y'igihugu y'imyaka irindwi yo sector, by programmes and sub- d'activité, par programme et sous-programme et kwihuisha iterambere (NSTI), ibyiciro programmes and by economic par classification économique conformément à by'imirimu, porogaramu ndetse n'urwego classification are provided in annex II. l'annexe II. rw'ubukungu nk'uko umugereka wa II ubyerekana.



